**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA RUSIZI**

**ICYEMEZO No. 00005/2019/TGI/RSZ GITEGEKA UMUBURANYI WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Twebwe NDAGIJIMANA Mathias, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa RUSIZI, dufashijwe na MUKARUGWIZA Judith, Umwanditsi warwo.

Tumaze kubona ko kuwa 30/10/2018, Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru rukiko BYIRINGIRO Innocent, icyaha cyo gukubita no gukomeretsa umuntu byateye urupfu n'icyaha cy'ubujura bukoresheje intwaro, giteganya kandi kigahanishwa ingingo ya 121al5 na 170 y'itegeko n°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ikirego kigahabwa nimero RP00228/2018/TGI/RSZ.

Tumaze kubona ko BYIRINGIRO Innocent mwene BONEZA Rambert na BYIRANSABIMANA Julienne wavutse mu 1996 avukira mu mudugudu wa Nkuba, akagari ka Mahesha, umurenge wa Gitambi, akarere ka Rusizi, intara y'Iburengerazuba, mu gihugu cy'u Rwanda akaba ari naho atuye, yarezwe nk'uwatorotse ubutabera kandi ari ngombwa ko uru rubanza ruburanishwa.

Dushingiye ku ngingo ya 212 n'iya 213 z'itegeko n$^{0}$30/2013 ryo kuwa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha.

Dutegetse ko BYIRINGIRO Innocent agomba kwitaba urukiko Rwisumbuye rwa RUSIZI kuwa **18/3/2019** saa mbiri za mu gitondo, aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko akaburanishwa adahari.

Dutegetse ko ikicyemezo gitangazwa mu kinyamakuru IMVAHO NSHYA kandi kikamanikwa kubiro by' Akagali ka Mahesha, umurenge wa Gitambi no kubiro by'Akarere ka RUSIZI ndetse iki cyemezo kigatangazwa no kurubuga rw'ikoranabuhanga ry'Urukiko rw'Ikirenga.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe I Rusizi none kuwa 06/2/2019

**NDAGIJIMANA Mathias**

**UMUCAMANZA**

**MUKARUGWIZA Judith**

**UMWANDITSI**